	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR161I170v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : ICYAYI		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2008-2009

Umubare w'amapagi	3

ICYAYI

1. **Aho igihingwa gikunda** : Icyayi gikunda mu turere dukonja kandi tugusha imvura ihagije.

2. **Ubutaka** : Icyayi gihingwa mu butaka bw'isi ndende bufite imborera ihagije.

3. **Amoko yamamazwa** : Ubu hari BWG/5, 31/11, BB/35 6/8, BB/10, 12/56, BU/105, 12/19, 11/4 n'izindi.

4. **Uko bategura umurima**

* Imirimo y'ingenzi ni 3 ariyo: kurwanya isuri, guhinga umurima no gucukura imyobo.

5. **Gufumbira** :

* Hakoreshwa gr 60 z'ifumbire mvaruganda ya NPK 25.5.5 ku giti kimwe ingemwe zimaze gufata.

6. **Gutera ingemwe**

Hakoreshwa ingemwe 105 kuri ari 1 batera kuri cm 130 hagati y'imirongo na cm 75 ku murongo. Batera ingemwe 10 500 kuri Ha bagatera mu Ukwakira-Ukuboza iyo ari imusozi naho mu gishanga ni muri Gashyantare-Werurwe.

7. Gufata neza icyayi mu mirima

Imirimo umuhinzi agomba kwitaho ni iyi: kubagara, kugomorora amazi, gusasira, gutera ibiti bihagarika umuyaga, gukata icyayi, gusimbura ingemwe zapfuye no kurwanya indwara w'ibyonnyi.

8. **Indwara n'ibyonnyi biboneka cyane mu cyayi**

a) Indwara y'ububore:
Iterwa n'agahumyo bita Armillaria mellea igafata mu mizi y'icyayi igatuma ibora.

Ibimenyetso byayo: igihingwa gikura buhoro buhoro cyane, amababi ahinduka umuhondo nyuma akarabirana kugeza ubwo igiti n'imizi byose byuma bikabora. Imizi minini n'igice cyo hasi y'igihimba birasaduka. Hagati mu busate n'imbere mu ruhu haza uruhumbu rwera.

Kuyirwanya: Kurandura no gutwika icyayi kigifatwa n'iyo ndwara.

Icyitonderwa:
Iyo ibishyitsi by'amashyamba cyangwa ibyo ku mirwanyasuri bisigaye mu mirima bitaranduwe, bituma kenshi na kenshi indwara ikura igafata icyayi. Iyo ndwara iboneka cyane mu butaka buremereye kandi buhehereye.

b) Indwara y'ibidomo by'ibijuju: Ni indwara iterwa n'agahumyo kita Staliopsis thea.
* Ifata ku mababi akuze bikaba ibidomo biri hagati y'ikigina n'igicucu, bifite ishusho rijya kuba uruziga naho hagati y'ibidomo hajya kweruruka naho k'umuzenguruko wacyo harijimye.

Kuyirwanya:
* Kwirinda icyatuma icyayi gikura nabi;
* Kwirinda gukoresha ifumbire y'Azote nyinshi
* Gukata icyayi neza no kugisasira ku gihe
* Iyo bibaye muri pepiniyeri, hakoreshwa umuti wa Mancozeb (Dithan M45)

c) Agatagangurirwa k'umutuku: ako gatangurirwa bakita Oligonichus coffea.
* Ni agakoko gato (mm 0,5) iyo gakuze kagira ibara ritukura. Ibyana ,udukuru bitungwa no konona icyayi dushinga umugobora watwo ku mababi ku gipande cyo munsi kandi iyo tumaze gukura maze tukanyunyuza amazi bityo, amababi yafashwe ahinduka ikigina kijya gutukura.
* Uko kuma bikabora amababi ashobora kuma no guhunguka. Ubwone bukunze kugaragara ku biti bimwe na bimwe mu mirima kandi bigakura cyane cyane mu gihe cy'impeshyi.

<u>Kurwanya utwo dutagangurirwa:</u> hakoreshwa umuti witwa Dimenthoate.
Icyitonderwa**:** Iyo mu kurwanya utwo dutagangurirwa hakoreshejwe umuti wa dimethoate, icyayi gisoromwa nyuma y'iminsi 15.

9. Igihe cyerera: cyera bwa mbere nyuma y'imyaka 2 n'igice.

10. Gusarura no ku kibika:
* Basarura ibibabi uko iminsi 7 ishize kugera kuri 15;

* Umurumbuko ushobora kuboneka ni toni 3,5 – 7,5 kuri Ha 1 ni ukuvuga toni 0,7 kugeza kuri toni 1,5 z'icyayi cyumye ku mwaka no kuri Ha 1.
* Iyo icyayi kimaze gutunganirizwa mu nganda, icyayi cyumye gishyurwa mu bisanduku byabigenewe, bikarindwa ubukonje.